AMABWIRIZA Nº 02/2018 YO KU WA 18 GICURASI 2018 YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA AGENGA IVUGURURWA RY'ILISITI Y'ITORA MU MAHANGA

GICURASI, 2018

AMASHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE 3
Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza agamije 3
Ingingo ya 3: Aho ilisiti y'itora ivugururirwa 3
Ingingo ya 4: Abemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora 3
Ingingo ya 5: Abantu batemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora 3
Ingingo ya 6: Abavugurura ilisiti y'itora ku rwego rwa Ambasade cyangwa Konsila 4
Ingingo ya 7: Inshingano ya buri Munyarwanda mu kuvugurura ilisiti y'itora 4
Ingingo ya 8: Ibisabwa uwiyandikisha bwa mbere cyangwa usuzuma ko ari ku ilisiti y'itora 4
Ingingo ya 9: Ibibujijwe mu kuvugurura ilisiti y'itora 4
Ingingo ya 10: Raporo y'ivugururwa ry'ilisiti y'itora 4
Ingingo ya 11 : Uburyo bukoreshwa mu kuvugurura ilisiti y'itora 4
UMUTWE WA 2: IVUGURURWA RY'ILISITI Y'ITORA 4
Icyiciro cya mbere: Ivugururwa ry'ilisiti y'itora hakoreshejwe uburyo bwo kwandika 4
Ingingo ya 12: Ibisuzumwa mu kuvugurura ilisiti y'itora 4
Ingingo ya 13: Iyandikwa ry'Abanyarwanda batari ku ilisiti y'itora 5
Ingingo ya 14: Iyimurwa ry'uwanditse ku ilisiti y'itora 5
Ingingo ya 15: Ibimenyetso "codes" byifashishwa mu kuvugurura ilisiti y'itora 5
Icyiciro cya 2: Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu ivugururwa ry'ilisiti y'itora 6
Ingingo ya 16: Gufungura "Account" 6
Ingingo ya 17: Gusuzuma umwirondoro ku ilisti y'itora hakoreshejwe internet 6
Ingingo ya 18: Kwiyimura k'uwanditse ku ilisiti y'itora hakoreshwe "internet" 6
Ingingo ya 19: Kwiyandikisha bwa mbere ku ilisiti y'itora mu mahanga 6
UMUTWE WA 3: INGINGO ZISOZA 7
Ingingo ya 20: Ibihano biteganyijwe ku byaha bikorwa mu ivugururwa ry'ilisiti y'itora 7
Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya Mabwiriza 7
Ingingo ya 23:Ibyerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'aya Mabwiriza 7

Inama y'Abakomiseri;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 ryavuguruwe mu 2015 cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2 n'iya 139;

Ishingiye ku Itegeko N°27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane mu ngingo zaryo iya 7, iya 8, iya 9, iya10, iya 11, iya 12, iya 13, iya 14, iya 15, iya 16, iya 17, iya 18, iya 19 ,iya 20, iya 21, iya 22, iya 23 n'iya 204;

Ishingiye ku Itegeko N° 31/2005 ryo ku wa 24/12/2005 rigena Imiterere n'Imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3 n'iya 5;

Imaze kubisuzuma no kubyemeza mu nama yayo yo ku wa ku wa 18 Gicurasi 2018.

Itanze Amabwiriza akurikira:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza agamije
Aya Mabwiriza agenga ivugururwa ry'ilisiti y'itora yo mu 2018 ku Banyarwanda baba mu mahanga.

Ingingo ya 2: Igihe cyo kuvugurura ilisiti y'itora
Igikorwa cyo kuvugurura ilisiti y'itora muri Ambasade cyangwa Konsila by'u Rwanda, kizatangira tariki ya 21 Gicurasi 2018, gisozwe tariki ya 07 Kanama 2018.

Ingingo ya 3: Aho ilisiti y'itora ivugururirwa
Mu mahanga, ivugururwa ry'ilisti y'itora rikorerwa ku cyicaro cya Ambasade cyangwa Konsila.

Ilisiti y'itora ivugururwa, ibikwa ku cyicaro cya Konsila cyangwa cya Ambasade.

Ntawemerewe kubika ilisiti z'itora iwe cyangwa ahandi hadateganywa n'aya Mabwiriza.

Ingingo ya 4: Abemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora
Abagomba kwiyandikisha ku ilisiti y'itora ni Abanyarwanda bose baba mu mahanga, bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko cyangwa abazaba bayujuje ku munsi w'itora, batambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki, ntibazitirwe n'imiziro iteganywa mu ngingo ya 5 y'aya Mabwiriza.

Ingingo ya 5: Abantu batemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora
Utemerewe kwiyandikisha ku ilisiti y'itora ni:

1) uwambuwe n'Inkiko zibifitiye ububasha uburenganzira bwo gutora akaba atarahanagurwaho ubwo busembwa cyangwa ngo ahabwe imbabazi zemewe n'amategeko;
2) uwakatiwe burundu kubera icyaha cy'ubwicanyi n'ubuhotozi;
3) uwahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa ibyaha byibasiye inyokomuntu;
4) uwahamwe n'icyaha cyo gusambanya abana;
5) uwahamwe n'icyaha cyo gusambanya ku gahato;
6) umuntu ufunze;
7) impunzi.

Ingingo ya 6: Abavugururа ilisiti y'itora ku rwego rwa Ambasade cyangwa Konsila
Mu mahanga, kuvugurura ilisiti y'itora bikorwa n'umukozi wa Amabasade cyangwa wa Konsila, ushyirwaho na Ambasaderi cyangwa Konsile.

Ingingo ya 7: Inshingano ya buri Munyarwanda mu kuvugurura ilisiti y'itora
Buri Munyarwanda wese wujuje ibyangombwa biteganywa n'amategeko agomba gusuzuma ko yanditse ku ilisiti y'aho azatorera mbere y'uko icyo gikorwa cyo gukosora lisiti y'itora gisozwa.

Ingingo ya 8: Ibisabwa uwiyandikisha bwa mbere cyangwa usuzuma ko ari ku ilisiti y'itora
Uje kwiyandikisha bwa mbere ku ilisiti y'itora cyangwa gusuzuma ko ari ku ilisiti y'itora, yitwaza ikarita ndangamuntu ye cyangwa Pasiporo nyarwanda ye igifite agaciro, cyangwa se "Consular Card" n'ikarita ye y'itora iyo ayifite.

Ingingo ya 9: Ibibujijwe mu kuvugurura ilisiti y'itora
Ntawemerewe kwiyandikisha ku ilisiti zirenga imwe (1) cyangwa inshuro irenze imwe (1) ku ilisiti y'itora.

Ingingo ya 10: Raporo y'ivugururwa ry'ilisiti y'itora
Igikorwa cyo kuvugurura ilisiti y'itora kimaze gusozwa, uwagishinzwe ku rwego rwa Ambasade cyangwa Konsila, ategura raporo kuri icyo gikorwa akurikije ibiteganywa ku mugereka wa mbere **(1)** w'aya Mabwiriza. Iyo raporo ishyikirizwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu buryo bwa "soft copy" bitarenze ku wa 10 Kanama 2018.

Ingingo ya 11: Uburyo bukoreshwa mu kuvugurura ilisiti y'itora
Mu kuvugurura ilisiti y'itora hakoreshwa uburyo bw'inyandiko cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga.

Kuvugurura ilisiti y'itora hakoreshejwe inyandiko bikorwa buri wese agana umukozi wa Ambasade cyangwa wa Konsila ubishinzwe, uwo mukozi agakosora ilisiti y'itora akoresheje uburyo bwo kwandika avivura buri wese waje kwikosoza, akanakosora amakosa yagaragaye ku ilisiti y'itora.

Kuvugurura ilisiti y'itora hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga (Internet) bikorwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo za 16, 17, 18, n'iya 19 z'aya Mabwiriza.

UMUTWE WA 2: IVUGURURWA RY'ILISITI Y'ITORA

Icyiciro cya mbere: Ivugururwa ry'ilisiti y'itora hakoreshejwe uburyo bwo kwandika

Ingingo ya 12: Ibisuzumwa mu kuvugurura ilisiti y'itora
Umuntu wese wibonye ku ilisiti y'itora abimenyesha umukozi w'Ambasade cyangwa Konsila ubishinzwe akamuvivura.

Mu kuvugurura ilisiti y'itora, abakozi babishinzwe basuzuma ibi bikurikira:

1) Kureba ko amazina yose y'uwiyandikishije ari yo kandi yanditse neza;
2) Kureba ko amazina y'ababyeyi be bombi ari yo kandi yanditse neza;
3) Kureba ko itariki y'amavuko ari yo;
4) Kureba ko amazina y'uwiyandikishije n'ifoto ye iri ku ikarita ndangamuntu bihura n'ifoto ye iri mu kazu kabugenewe ku ilisiti y'itora;
5) Kureba ko nta muntu wiyandikishije ku ilisiti y'itora inshuro zirenze imwe;
6) Kureba ko nta muntu wiyandikishije ku ilisiti y'itora atabyemerewe;
7) Kureba ko hari abiyandikishije ku ilisiti y'itora badafite amafoto, bakabikorera raporo.

Ingingo ya 13: Iyandikwa ry'Abanyarwanda batari ku ilisiti y'itora

Abanyarwanda bari mu mahanga batigeze biyandikisha ku ilisiti y'itora na rimwe bazwi na Ambasade cyangwa Konsila, bafite nibura imyaka cumi n'umunani (18) y'amavuko cyangwa bazaba bayujuje ku munsi w'itora, batambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki kandi batazitiwe n'imiziro iteganywa mu ngingo ya 5 y'aya Mabwiriza, bandikwa ku mugereka wa **kabiri (2**) w'aya Mabwiriza kugira ngo bazongerwe ku ilisiti y'itora.

Kugira ngo bandikwe, basabwa kugaragaza ibyangombwa bivugwa mu ngingo ya 8 y'aya Mabwiriza.

Ingingo ya 14: Iyimurwa ry'uwanditse ku ilisiti y'itora

Abanditse ku ilisiti y'itora ya Ambasade cyangwa ya Konsila, bakaba bateganya kuzatorera mu ifasi y'itora y'indi Ambasade cyangwa Konsila cyangwa bateganya gutorera ku bindi Biro by'itora mu ifasi imwe, bandikwa ku mugereka wa kabiri (**2)** w'aya Mabwiriza. Bandikwa ari uko babanje kwerekana ibyangombwa biteganywa mu ngingo ya 8 y'aya Mabwiriza.

Ingingo ya 15: Ibimenyetso "codes" byifashishwa mu kuvugurura ilisiti y'itora

Mu kugaragaza abiyandikishije ku ilisiti y'itora babyemerewe n'abatabyemerewe hifashishwa ibimenyetso bikurikira:

1) Umubare zero (**0**) wandikwa imbere y'amazina y'abaturage bemerewe gutora;
2) Umubare rimwe (**1**) wandikwa imbere y'amazina y'abari ku ilisiti y'itora ariko batarageza ku myaka yo gutora;
3) Umubare kabiri (**2)** wandikwa imbere y'amazina y'abari ku ilisiti y'itora bambuwe n'inkiko zibifitiye ububasha uburenganzira bwo gutora, bakaba batarahanagurwaho ubwo busembwa cyangwa ngo bahabwe imbabazi zemewe n'amategeko;
4) Umubare gatatu (**3**) wandikwa imbere y'amazina y'abari ku ilisiti y'itora barahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa ibyaha byibasiye inyoko muntu;
5) Umubare kane (**4)** wandikwa imbere y'amazina y'abari ku ilisiti y'itora bireze bakiyemerera icyaha cya jenoside;
6) Umubare gatanu **(5)** wandikwa imbere y'amazina y'abari ku ilisiti barakatiwe igihano cya burundu kubera icyaha cy'ubwicanyi n'ubuhotozi;
7) Umubare gatandatu **(6**) wandikwa imbere y'amazina y'abari ku ilisiti y'itora ari impunzi;
8) Umubare karindwi (**7**) wandikwa imbere y'amazina y'abari ku ilisiti y'itora bakaba bafunze igihe cy'ivugururwa ry'ilisiti y'itora;
9) Umubare icyenda (**9**) wandikwa imbere y'amazina y'abari ku ilisiti y'itora b'abanyamahanga;
10) Umubare icumi (**10**) wandikwa imbere y'amazina y'abari ku ilisiti y'itora bafite uburwayi bwo mu mutwe bubabuza kuba batora;
11) Umubare cumi na kabiri (**12**) wandikwa imbere y'amazina y'abafite ubumuga bwo kutabona;
12) Umubare cumi na gatatu (**13**) wandikwa imbere y'amazina y'abapfuye;
13) Umubare cumi na gatanu **(15)** wandikwa imbere y'abanditse ku ilisiti y'Umudugudu batazwi cyangwa batakibarirwa muri uwo Mudugudu;
14) Umubare cumi na gatandatu **(16)** wandikwa imbere y'abari ku ilisiti y'itora barahamwe n'icyaha cyo gusambanya abana;
15) Umubare cumi na karindwi **(17)** wandikwa imbere y'abari ku ilisiti y'itora barahamwe n'icyaha cyo gusambanya ku gahato;

16) Umubare makumyabiri (**20**) wandikwa imbere y'amazina y'abiyandikishije ku ilisiti y'itora inshuro zirenze imwe;
17) Umubare mirongo itatu (**30**) wandikwa imbere y'amazina y'abari ku ilisiti y'itora bafite imyirondoro ariko badafite ifoto.

Umubare mirongo ine (**40**) wandikwa imbere y'amazina y'abari ku ilisiti y'itora bafite imyirondoro izwi ariko ifoto ikaba itari iyabo.

Abiyandikishije ku ilisiti y'itora batabyemerewe bayikurwaho.Urutonde rwabakuwe ku ilisiti y'itora rumanikwa ahagaragara ku biro bya Ambasade cyangwa Konsila.

Icyiciro cya 2: Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu ivugururwa ry'ilisiti y'itora

Ingingo ya 16: Gufungura "Account"
Mu mahanga, Abanyarwanda bemerewe gutora bashobora gusuzuma ko banditse ku ilisiti y'itora kwiyimura no kwiyandikisha bakoresheje ikoranabuganga.

Kugira ngo ubashe guhabwa izi servisi z'ikorabuhanga ugomba kubanza kwimenyekanisha ufungura "account" ukurikiye inzira zikurikira:

1. Kwinjira ku rubuga rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (www.nec.gov.rw) ugakanda ahanditse "check voter list"/ilisiti y'itora;
2. Gukanda ahanditse "Login", ugakanda ahanditse "voter"(utora), ugakurikizaho gukanda ahanditse "create new account" nyuma ukuzuza imyirondoro ahabugenewe, ugakanda kuri 'ohereza'.

Ingingo ya 17: Gusuzuma umwirondoro ku ilisti y'itora hakoreshejwe internet
Uwifuza gusuzuma umwirondoro we ku ilisiti y'itora akoreshejwe "internet" aca mu nzira ikurikira:

1) Kwinjira ku rubuga rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (www.nec.gov.rw) ugakanda ahanditse "check voter list"/ilisiti y'itora;
2) Gukanda ahanditse "Login", ugakanda ahanditse "voter"(utora), ukuzuza 'email' na 'password' ahabugenewe, ugakanda ahanditse "kwireba ku ilisiti", ukuzuzamo ibisabwa, nyuma ugakanda kuri "search". Uhita ubona aho wanditse ku ilisiti y'itora.

Iyo abonye ko hari amakosa mu mwirondoro we yandika ubutumwa ahabugenewe akabwohererezа umukozi w'Ambasade cyangwa Konsila ushinzwe gukosora ilisiti y'itora, uwo mukozi agakosora ayo makosa ashingiye ku byangombwa bisabwa bigaragara mu ngingo ya 8 y'aya Mabwiriza.

Ingingo ya 18: Kwiyimura k'uwanditse ku ilisiti y'itora hakoreshwe "internet"
Ushaka kwiyimura ku ilisiti y'itora hakoreshejwe "internet" aca mu nzira ikurikira:

1. Kwinjira ku rubuga rwa Komisiyo y'Igihuguy'Amatora (www.nec.gov.rw) ugakanda ahanditse "check voter list"/ilisiti y'itora;
2. Gukanda ahanditse "Login", ugakanda ahanditse "voter"(utora), ukuzuza 'email' na 'password' ahabugenewe, ugakanda ahanditse "kwiyimura ku ilisiti", ukuzuzamo ibisabwa, nyuma ugakanda kuri "Transfer".

Ingingo ya 19: Kwiyandikisha bwa mbere ku ilisiti y'itora mu mahanga
Umunyarwanda uri mu mahanga utabashije kwiyandikisha ku ilisiti y'itora hakoreshejwe uburyo busanzwe buteganywa mu ngingo ya 13 y'aya Mabwiriza, ashobora kwiyandikisha ku ilisiti y'itora bwa mbere akoresheje "internet", anyuze mu nzira zikurikira:

1. Kwinjira ku rubuga rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (www.nec.gov.rw) ugakanda ahanditse "check voter list"/ilisiti y'itora;
2. Gukanda ahanditse "Login", ugakanda ahanditse "voter"(utora), ukuzuza 'email' na 'password' ahabugenewe, ugakanda ahanditse "apply online", ukuzuzamo ibisabwa, nyuma ugakanda kuri "send";
3. Nyuma yo kwemezwa n'urwego rwa Ambassade cyangwa Konsila, dosiye yawe yoherezwa muri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igasuzumwa;
4. Nyuma yo gusuzumwa no kwemezwa na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, wohererezwa icyemezo kikwemerera gutora uzitwaza ku munsi w'itora.

UMUTWE WA 3: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 20: Ibihano biteganyijwe ku byaha bikorwa mu ivugururwa ry'ilisiti y'itora
Ibyaha bikorwa mu kuvugurura ilisiti y'itora bihanwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya Mabwiriza
Ingingo zose z'Amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranye na yo zivanyweho.

Ingingo ya 23:Ibyerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'aya Mabwiriza
Aya mabwiriza atangira gushyirwa mu bikorwa umunsi yashyiriweho umukono na Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

Bikorewe i Kigali, ku wa 18 Gicurasi 2018.

Prof. Kalisa Mbanda.

Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.

UMUGEREKA WA I: Raporo isoza ivugururwa ry'ilisiti y'itora muri Ambasade/Konsila

Abanditse ku ilisti y'itora				Abitabiriye ivugururwa ry'ilisiti y'itora			Abongerewe ku ilisiti y'itora			Abafite imiziro ibabuza kwandikwa ku ilisti y'itora		Abazahatorera			
Umubare			%	Umubare			Umubare			Umubare		Umubare			%
Bose	M	F	F	Bose	M	F	Bose	M	F	M	F	Bose	M	F	F

Ibyifuzo n'Ibibazo byagaragaye

Amazina n'umukono by'ushinzwe guhuza ibikorwa by'ikosora ry'ilisiti y'itora ku rwego rwa Ambasade/Konsila

REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

Ambasade/Konsila:

UMUGEREKA WA II : ABANYARWANDA BIFUZA KWIMUKIRA KU ILISITI YA AMBASADE/KONSILA

AMAZINA YOSE	AMAZINA YA SE	AMAZINA YA NYINA	ITARIKI Y'AMAVUKO	N^{O} Y'ICYANGOMBWA KIMURANGA

Amazina n'umukono by'uwavuguruye ilisiti y'itora

Amazina n'umukono bya Ambasaderi / Konsile